# Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaje idusanga maze turayibwira duti: Yewe Ntumwa y'Imana! Twamaze kumenya uko tuzajya tugusuhuza, none ni gute tuzajya tugusabira imigisha

Hadith yaturutse kwa Abdu Rahman Ibun Abi Layla yaravuze ati: Ka'ab Ibun Udj'rat twarahuye arambaza ati: Ese nguhe impano? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaje idusanga maze turayibwira duti: Yewe Ntumwa y'Imana! Twamaze kumenya uko tuzajya tugusuhuza, none ni gute tuzajya tugusabira imigisha? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Mujye muvuga muti: ALLAHUMA SWALI ALA MUHAMADI WA ALA ALI MUHAMADI, KAMA SWALAYTA ALA ALI IBRAHIM, INAKA HAMIDUN MADJID. ALLAHUMA BARIK ALA MUHAMADIN WA ALA ALI MUHAMADIN KAMA BARAKTA ALA ALI IBRAHIM, INAKA HAMIDUN MADJID: Nyagasani Mana ha amahoro Muhamadi n'umuryango we nkuko wayahaye Ibrahim n'umuryango we, mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugusingizwa Nyir'icyubahiro. Nyagasani Mana ha imigisha Muhamadi n'umuryango we nkuko wabigenje kuri Ibrahim no ku muryango we, mu by'ukuri ni wowe Nyir'ugusingizwa Nyir'icyubahiro."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abasangirangendo babajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku bijyanye n'uburyo bazajya bamusabira amahoro n'imigisha? Nyuma y'uko bari bamaze kumenya uburyo bazajya bamusuhuza indamutso igira iti: "A-SALAM ALAYKA AYUHA A-NABIYU WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bikubeho yewe Ntumwa ndetse n'impuhwe za Allah n'imigisha ye." Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibigisha uko bazajya bayisabira, bisobanuye ngo: "ALLAHUMA SWALI ALA MUHAMADIN, WALA ALI MUHAMADIN: Mana Nyagasani vuga ibigwi Muhamadi, n'umuryango wa Muhamadi." Bisobanuye ngo muvuge byiza unamuvuge ibigwi mu mbaga y'abamalayika mu ijuru, n'abamukurikiye mu kwemera, ndetse n'abamwemeye mu bo mu muryango we. "KAMA SWALAYTA ALA ALI IBRAHIM: Nk'uko wabigenje ku bantu bo mu muryango wa Ibrahim" Nk'uko wahundagaje ibyiza byawe ku bantu ba Ibrahim (Allah amuhe amahoro), aribo Ibrahim, Ismail, Is'haq n'urubyaro rwabo, n'abayoboke babo b'abemerana, bityo n'Intumwa yawe Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) muhundagazeho ibyiza. "INAKA HAMIDUN MADJID: Mu by'ukuri ni wowe Nyir'ikuzo Nyir'ibisingizo." Bisobanuye ngo ni wowe wo gusingizwa byaba wowe ubwawe, ibisingizo byawe, ndetse n'ibikorwa byawe, ni nawe wagutse mu buhambare bwawe, n'ubutware bwawe, ndetse no mu kugaba kwawe. "ALLAHUMA BARIK ALA MUHAMADIN WA ALA ALI MUHAMADIN KAMA BARAK'TA ALA ALI IBRAHIM: Mana Nyagasani ha imigisha yawe Muhamadi n'umuryango we nk'uko

wayihundagaje kuri Ibrahim n'umuryango we." Bisobanuye ngo muhe ibyiza n'icyubahiro byiza kurusha, kandi unabyongere ndetse ubihozeho.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5377

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY

لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee